
# ABADAHIGWA BADAHUSHA INTEGO







## IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA RULINDO

***IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA RULINDO GISOHOKA BURI KWEZI KIBANDA KU MAKURU ATANDUKANYE Y'IBYAKOZWE MU MIYOBORERE MYIZA, UBUKUNGU N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE***

1357 @rulindodistrict info@rulindo.gov.rw

# INKURU Z'INGENZI Z'IBYAKOZWE MURI KANAMA 2025

## KANAMA, 2025

**GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJYARUGURU MUGABOWAGAHUNDE MAURICE YASABYE ABATURAGE BO MU MURENGE WA MASORO KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE NO KWIRINDA KWISHORA MU BUCUKUZI BUTEMEWE.**



**RULINDO: HIZIHIJWE UMUGANURA HAMURIKWA UMUSARURO W'UBUHINZI N'UBWOROZI.**



**RULINDO : UMUYOBOZI W'AKARERE YASHIMYE URUHARE RW'ABAKORA MU RWEGO RW'UBUREZI N'ABAFATANYABIKORWA KU MUSARURO WAGARAGAYE MU MITSINDIRE Y'IBIZAMINI BYA LETA**



**RULINDO: GUVERINERI MUGABOWAGAHUNDE MAURICE YASABYE ABATURAGE BO MU MURENGE RUSIGA KWIRINDA AMAKIMBIRANE NO KURWANYA IMIRIRE MIBI MU BANA.**



**RULINDO: UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE ABIKORERA N'ABAFATANYABIKORWA KUGIRA URUHARE MURI GAHUNDA Y'IMYAKA 5 Y'ITERAMBERE RY'AKARERE.**



**RULINDO : UMUYOBOZI W'AKARERE MADAMU MUKANYIRIGIRA JUDITH YAFUNGUYE KU MUGARAGARO GARE YA SHYORONGI**



**GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJYARUGURU MUGABOWAGAHUNDE MAURICE YASABYE ABATURAGE BO MU MURENGE WA MASORO KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE NO KWIRINDA KWISHORA MU BUCUKUZI BUTEMEWE.**



***MUGABOWAGAHUNDE Maurice  Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru***

Ibi Guverineri yabigarutseho ku wa 12 kanama 2025  mu bukangurambaga bwo kwirinda ibyaha bijyanye no kwangiza ibidukikije n'ibindi byaha, bwatangijwe mu Karere ka Rulindo n'Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha (RIB), ku bufatanye n'ikigo cy'igihugu gishinzwe Mine na Peteroli (RMB).

Ni ubukangurambaga bwari bufite insanganyamatsiko igira iti: "**uruhare rwa buri wese mu gukumira ibyaha bihungabanya ibidukikije n'ibindi byaha by'inzaduka**".
Ubu bukangurambaga bukaba bwarateguwe n'urwego rw'igihugu rw'ubugenzacyaha RIB ku bufatanye n'ikigo cy'igihugu gishinzwe Mine na Peteroli (RMB).hagamijwe gusobanurira abaturage ibijyanye amabwiriza agenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na Kariyeri ndetse n'itegeko rigenga ubucukuzi mu Rwanda.
Mu karere ka Rulindo ubu bukangurambaga bukaba bwaratangiriye mu Murenge wa Murambi mu kagali ka Gatwa, bukomereza mu mirenge ya Masoro  Cyinzuzi na Ntarabana.

BAGIRIJABO Jean D'Amour Ushinzwe ubugenzuzi muri RMB avugako ntamuntu wemerewe gukora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na Kariyeri atabiherewe uruhushya n'urwego rubifitiye ububasha.Muri ubu bukangurambaga akaba akangurira abaturage kwirinda gukora ubucukuzi nta ruhushya kuko bigira ingaruka ku banyarwanda bose zituruka ku kwangiza ibidukikije nk'amashyamba ubutaka no kwangirika kw'ibikorwaremezo.



***BAGIRIJABO Jean D'amour Ushinzwe ubugenzuzi muri RMB***

NTIRENGANYA Jean Claude ushinzwe gukumira ibyaha mu rwego rw'igihugu rw'ubugenzacyaha RIB yasobanuriye abaturage itegeko rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'ibihano bihabwa umuntu wahamwe n'icyaha cyo gukora ubucukuzi butemewe n'ibindi byaha bifitanye bijyanye nabyo

Yakomeje abasobanurira ibishingirwaho ngo umuntu yemererwe gupima kwinjira mu bucukuzi bw'amabuye na Kariyeri harimo gupima ubutaka bucukurwa niba bukomeye,ndetse avuga ko n'ababyemerewe bagomba kubahiriza amabwiriza agenga ubucukuzi.



***NTIRENGANYA Jean Claude ushinzwe gukumira ibyaha mu rwego rw'igihugu rw'ubugenzacyaha RIB***

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru MUGABOWAGAHUNDE Maurice wari witabiriye ubu bukangurambaga mu Murenge wa Masoro yibukije abaturage ko kubungabunga ibidukikije ko Atari inshingano z'ubuyobozi gusa, ko ahubwo buri wese agomba kubigira ibye



***Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru n'abandi bayobozi mu bukangurambaga bwo kwirinda ibyaha bijyanye no kwangiza ibidukikije nibindi byaha bijynye nabyo.***

Muri ubu bukangurambaga Guverineri yakomeje asaba abaturage kwirinda ibyaha bakitandukanya n'ibikorwa byo gucukura mu buryo butemewe,anihanangiriza ababyeyi bateshutse ku nshingano zo kurera, bakaba baravanye abana mu mashuri bakabohereza  mu birombe.

Akaba yarabibukije  ko gukoresha abana imirimo ivunanye bitemewe kandi ko uzabifatirwamo azabihanirwa nkuko amategeko abiteganya.

## RULINDO: HIZIHIJWE UMUGANURA HAMURIKWA UMUSARURO W'UBUHINZI N'UBWOROZI.



Tariki ya 1 kanama ni umunsi mu Rwanda hizihizwa umunsi mukuru w'umuganura, ku rwego rw'Akarere ka Rulindo uyu munsi ukaba warizihirijwe mu murenge wa Ngoma.

Kwizihiza umuganura mu karere ka Rulindo byaranzwe no kumurika umusururo w'ubuhinzi n'ubworozi ndetse no gusangira ibiribwa birimo ibigori,ibiryo bya Kinyarwanda byiganjemo umutsima,ibishyimbo n'imyumbati ibihaza ndetse n'ibijumba.

Ibi bikaba bikubiye mu gisobanuro cy'umuganura kuko ari igikorwa cyo kwishimira no gusangira umusaruro weze.

Mu gihe cyo hambere umuganura wari umunsi mukuru ngarukamwaka wubahwa kandi ugahabwa agaciro ibwami no mu muryango w'Abanyarwanda.

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu RUGERINYANGE Theoneste yashimangiye ko umuganura wizihizwa kugirango abanyarwanda basabane kandi bunge ubumwe bazirikana ibyiza bagezeho.




***RUGERINYANGE Theoneste Umuyobozi w'Akarere wungirije Ushinzwe Ubukungu***

Umuyobozi w'Akarere yagarutse byumwihariko ku kiraro cya Yanze cyubatswe muri uyu murenge wa Ngoma avuga ko nk'abaturage buyu murenge n'Akarere muri rusange ari igikorwa cyo kwishimira muri uyu mwaka kuko iki kiraro kizoroshya ubuhahirane hagati y'abaturage b'umurenge wa Ngoma n'abaturanyi bo mu murenge wa Shyorongi.

Leta y'URwanda yongeye kugarura umuganura guhera mu mwaka wa 2011 ndetse umunsi w'umuganura ugirwa umunsi ngarukamwaka wizihizwa buri wa gatanu wa mbere w'ukwezi kwa munani,ukizihizwa n'Abanyarwanda bari mu Rwanda n'abatuye mu mahanga.

## RULINDO : UMUYOBOZI W'AKARERE YASHIMYE URUHARE RW'ABAKORA MU RWEGO RW'UBUREZI N'ABAFATANYABIKORWA KU MUSARURO WAGARAGAYE MU MITSINDIRE Y'IBIZAMINI BYA LETA



***Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith n'abandi bayobozi***

Ibi byagarutsweho kuri uyu wa gatatu tariki ya 20 kanama 2025 Mu nama yaguye y'uburezi ku rwego rw'Akarere yahuje umuyobozi w'Akarere n'abakora mu rwego rw'uburezi mu karere ka Rulindo abafatanyabikorwa mu burezi.

Muri iyi nama umuyobozi w'Akarere yashimiye abayobozi b'ibigo by'amashuri n'abashinzwe uburezi muri rusange kuba Akarere ka Rulindo umusaruro ushimishije mu mitsindire y'ibizamini bya Leta kuko muri uyu mwaka ibizamini bisoza amashuri yisumbuye Rulindo yaje kumwanya wa 3 mu gihugu n'amanota 94.9% , mu gihe mu bizamini bisoza icyiciro rusange Rulindo yaje ku mwanya wa 5 mu gihugu n'amanota 69.5% ikaza ku mwanya wa mbere mu Ntara y'Amajyaruguru.

Muri iyi nama kanda hanagarutswe ku kibazo cy'abana bata ishuri aho hashimwe uruhare rw'umushinga zero Out of School Children ushyirwa mu bikorwa n'umuryango Save The Children International Rwanda ku bufatanye na minisiteri y'uburezi.

Mu mwaka ushize mu karere ka Rulindo uyu mushinga wabashije kugarura mu ishuri abana barenga 1000 barimo abahungu 667 n'abakobwa 367.kugeza ubu uyu mushinga uri ku gipimo cya 21% mu gusubiza abana mu ishuri, mu gihe muri uyu mwaka wa 2025/2026 uyu mushinga ufite intego yo gusubiza abana mu ishuri ku kigero cya 70% .

Umuhuzabikorwa w'umushinga Zero out Of School Children mu muryango Save The Children NDAHAYO Paulin avuga ko impamvu zagaragajwe zituma abana bata ishuri zirimo ubukene amakimbirane mu miryango, kubura ibikoresho by'ishuri,gusibira no kuba hari abana badakundishwa ishuri n'ababyeyi babo.

Akomeza avuga ko mu rwego rwo gukemura iki kibazo bazakomeza gufatanya n'urubyiruko rw'abakorerabushake n'inshuti z'umuryango mu kwigisha ababyeyi kujyana abana mu ishuri ndetse bagafasha abana basubiye mu ishuri kubagurira ibikoresho by'ishuri,imyambaro y'ishuri n'amafaranga yo kurya.

## GUVERINERI MUGABOWAGAHUNDE MAURICE YASABYE ABATURAGE BO MU MURENGE WA RUSIGA KWIRINDA AMAKIMBIRANE NO KURWANYA IMIRIRE MIBI MU BANA.



***MUGABOWAGAHUNDE Maurice Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru aganira n'abaturage***

*Ibi yabigarutseho tariki ya 5 kanama2025 ubwo yari yaje kwifatanya n'abaturage bo mu murenge wa Rusiga mu nteko y'Abaturage yabereye mu kagali ka Gako.*

Muri iyi nteko y'Abaturage Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith yasobanuriye abaturage bo muri aka kagali gahunda y'icyerekezo cy'igihugu 2050 n'uruhare rwabo mu kugera kuri iki cyerekezo. Yagize ati : "Twabanje kwiha icyerekezo 2020 abantu benshi muzi ko tutazayigeraho,ariko mwarabibonye ko bishoboka,ubu noneho igihugu gifite icyerekezo 2050 aho buri munyarwanda wese azaba ashobora kwinjiza amadorali, ibi bizagerwaho binyuze mu gukora cyane."



***Madamu MUKANYIRIGIRA Judith Umuyobozi w'Akarere aganira n'abaturage***

Umuyobozi w'ingabo mu ntara y'Amajyaruguru Col Steven KAYIGUMIRE nawe wari witabiriye iyi nteko y'abaturage yabijeje ko igihugu gifite umutekano abasabye kwitabira umurimo bakiteza imbere kandi bakirinda kwishora mu biyobyabwenge



***Col. KAYIGUMIRE Steven Umuyobozi w'Ingabo mu Ntara y'Amajyaruguru aganira n'abaturage***

Guverineri w'intara y'Amajyaruguru Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru MUGABOWAGAHUNDE Maurice yashimiye abaturage bo mu murenge wa Rusiga aho bageze bishyura ubwisungane mu kwivuza ariko abasaba gukomeza gushyiramo imbaraga kugirango bagere 100%.

Ubundi butumwa Guverineri yagejeje kuri aba baturage yabakanguriye gushyira imbaraga kwizigamira muri Ejo Heza, gutanga uburere bwiza ku bana babarinda kwishora mu biyobyabwenge, kwirinda amakimbirane mu miryango no kurwanya imirire mibi no gushyira abana mu ishuri.
Guverineri kandi yabasabye gufatanya kurwanya ibibazo bibangamiye imibereho myiza bakangurirwa kubaka ubwiherero bwujuje ibisabwa ndetse nokurushaho kunoza isuku no kuryama heza.



***Guverineri n'abandi bayobozi bakira ibibazo by'abaturage***

Muri iyi nteko y'Abaturage Guverineri afatanyije n'abandi bayobozi bakiriye kandi baha umurongo ibibazo by'abaturage.

## RULINDO: UMUYOBOZI W'AKARERE YAKIRIYE ABAYOBOZI BA ENI FOUNDATION



Tariki ya 21 kanama 2025 Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith, yakiriye mu biro Serena sakira na Sylvia bayobora umuryango ENI Foundation.
Ni mu ruzinduko bagiriye mu karere ka Rulindo rugamije kuganira n'Umuyobozi w'Akarere ku mishanga uyu muryango wifuza gukorera muri Rulindo.

Imwe mu mishanga aba bayobozi bagaragaje harimo ijyanye no guteza imbere Ubuzima bw'umwana n'umubyeyi,guhugura abakozi bakora muri serivisi z'ubuzima no kubaka inzu z'ababyeyi. ENI Foundation kandi yagaragarije umuyobozi ko bifuza kuzakora ibikorwa bijyanye no kwita ku buzima bwo mu mutwe binyuze mu bikorwa bya sport n'amahugurwa atandukanye azahabwa abashinzwe kwita ku buzima bwo mu mutwe mu mavuriro yose .

Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith yashimiye umuryango ENI Foundation ku musanzu usanzwe ugira mu guteza imbere urwego rw'ubuzima by'umwihariko ubuzima bw'umwana n'umubyeyi ndetse akaba yijeje uruhare rufatika rw'Akarere mu gufatanya na ENI Foundation mu gushyira mu bikorwa iyi mishinga .

## RULINDO: GARE YA SHYORONGI YAFUNGUWE KU MUGARAGARO



Triki ya 29 kanama 2025 Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith ari kumwe n'Umuyobozi mukuru w'ikigo gicukura amabuye y'agaciro cya Trinity Metals Peter Geleta hamwe n'Umuvugizi w'Umujyi wa Kigali Madamu Emma Claudine bafunguye kumugaragaro gare nshya ya Shyorongi,mu rwego rwo korohereza abaturage kubona imodoka zibatwara.

Iyi gare igezweho yubatswe na Trinity Metals Nyakabingo ku bufatanye n'Akarere ka Rulindo yatwaye asaga miliyoni 500 z'amafaranga y'u Rwanda, ikazafasha cyane abaturage bo mu Karere ka Rulindo, nabandi bose bakorera ingendo mu mujyi wa Kigali no mu Ntara y'Amajyaruguru.

Peter Geleta, Umuyobozi Mukuru wa Trinity Metals, yavuze ko n'ubwo ari kompanyi y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, bagomba no kugira uruhare mu iterambere ry'aho bakorera. Yagize ati:"Twahisemo kubaka gare mu Karere ka Rulindo kuko nta yo kari gafite. Twashakaga gutanga umusanzu mu gukemura ikibazo cy'ingendo cyari kimaze igihe" .




***PETER Geleta umuyobozi mukuru wa Trinity Metals***

Peter Geleta yakomeje avuga ko iyi Gare ari ikimenyetso cy'icyerekezo cya Trinity Nyakabingo na Trinity Metals muri rusange, cyo gukomeza guteza imbere abaturage no kubaka ejo hazaza heza".

Umushinga wo kubaka iyi Gare nshya ya Shyorongi, watangiye mu mwaka wa 2024, hagamijwe kugabanya impanuka zaterwaga no kubura aho imodoka zihagarara n'aho abagenzi bategerereza. ukaba waratwaye arenga miliyoni 450 z'amafaranga y'uRwanda.




Emma Claudine Ntirenganya, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Itangazamakuru n'Uburezi mu Mujyi wa Kigali, yavuze ko gare nshya izashyirwa muri gahunda nshya y'ingendo hagati ya Nyabugogo na Shyorongi.
Yagize ati:"Iyi ni intambwe ikomeye igaragaza ko Vision 2050 tuyigeraho dufatanyije. Iyi gare izahindura ubuzima bw'abaturage ba Shyorongi, inateze imbere ubucuruzi hagati yabo n'abatuye Kigali. Twizeye ko izihutisha iterambere ry'Akarere ka Rulindo".



***Madamu Emma Claudine NTIRENGANYA Umuvugizi w'umujyi wa Kigali***

Yongeyeho ko hari ibikorwa biri gukorwa byo kurangiza umuhanda mushya wa Shyorongi–Nyabugogo, ureshya na kilometero 24, uzaba ufite ibyapa biranga umuhanda, ahantu ho guhagarara kw'imodoka (bus stops), ndetse n'uburyo bugezweho bwo kwishyura kugira ngo ingendo zirusheho gukorwa neza.

Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo, Judith MUKANYIRIGIRA, yashimiye Trinity Metals ku bwo gutera inkunga uyu mushinga ndetse Yizeza abaturage ko gare nshya izazamura imibereho myiza n'ubucuruzi, abasaba kuyifata neza.




***Madamu MUKANYIRIGIRA Judith Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo***

Yakomeje avuga ko iyi gare nshya izakurura abantu benshi bifuza gutura muri aka karere, kuko ikibazo cy'ubwikorezi cyari kimaze igihe kibabangamiye gikemutse kuko izajya icamo amabusi manini, azafasha mu gukemura iki kibazo.

## UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE ABIKORERA N'ABAFATANYABIKORWA KUGIRA URUHARE MURI GAHUNDA Y'IMYAKA 5 Y'ITERAMBERE RY'AKARERE.



Tariki ya 25 kanama Mu nama Umuyobozi w'Akarere yagiranye n'abagize ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Akarere JADF ,hagamijwe kurebera hamwe gahunda y'imyaka itanu y'iterambere ry'Akarere ka Rulindo (District Development Strategy). Madamu MUKANYIRIGIRA Judith yasabye abikorera n'abafatanyabikorwa kugira uruhare muri iyi gahunda.

Muri iyi nama hagaragajwe ibikorwa biteganyijwe kuzakorwa mu myaka itanu uhereye 2024-2029 mu nkingi y' imiyoborere myiza,ubukungu n'imibereho myiza y'Abaturage, hanagarukwa byumwihariko ku bikorwa biteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari 2026-2027.

Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith atangiza iyi nama yibukije abafatanyabikorwa ko Guverinoma yashyizeho gahunda y'imyaka itanu yo kwihutisha iterambere NST2 kandi ko Akarere arirwo rwego rwo gushyira mu bikorwa iyi gahunda kubufatanye n'abagfatanyabikorwa.

Gahunda y'imyaka itanu y'iterambere mu karere ka Rulindo hateganyijwemo ibikorwa bitandukanye birimo kubaka ibiro by'Akarere n'imirenge, kongera ibikorwaremezo bijyanye no kubaka ibiraro,amavuriro,amasoko no gukwirakwiza amazi meza mu baturage,amashanyarazi ndetse no kubaka udukiriro, Kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi n'uburyo bwo kuwufata neza ,kurwanya imirire mibi n'igwingira, kwita kurubyiruko n'ibindi.....

Padiri NTIRUSHWA Patrice Uyobora ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Akarere ka Rulindo yijeje umuyobozi w'Akarere ko abafatanyabikorwa bazagira uruhare muri ibi bikorwa kandi bikagerwaho neza uko byateguwe.

Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith ashima abafatanyabikorwa n'urwego rw'abikorera uruhare basanzwe bagira mu iterambere ry'Akarere.

Mu karere ka Rulindo habarurwa abafatanyabikorwa barenga 70, iyi gahunda y'imyaka itanu y'iterambere ry'Akarere biteganyijwe ko ibikorwa bizakorwa bizatwara amafaranga y'uRwanda arenga miliyari 285 z'Amafaranga y'uRwanda.

## RULINDO: UMURENGE WA CYINZUZI WABAYE UWA MBERE MURI SERIVISI Z'IRANGAMIMERERE.



***Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Umurenge wa Cyinzuzi HABUMUREMYI Thaddee yakira icyemezo cy'ishimwe***

Kuva tariki ya 11 kanama 2025 mu gihugu hose hatangijwe icyumweru cyahariwe irangamimerere, mu Karere ka Rulindo cyatangiririjwe mu murenge wa Cyinzuzi mu kagali ka Budakiranya.

Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith atangiza ku mugaragaro icyumweru cyahariwe irangamimerere yibukije abaturage serivisi z'irangamimerere zitangirwa ku Murenge zirimo kwandikisha umwana wavutse,kwandukuza umuntu witabye Imana,gukosoza irangamimere mu gihe washyingiwe cyangwa waratandukanye n'uwo mwashakanye n'ibindi...

Umuyobozi w'Akarere kandi yakomeje asaba abaturage kwitabira gukoresha ikoranabuhanga,abashishikariza kwirinda gusiragira bajya gusaba serivise zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga ahubwo bakayoboka gahunda ya byikorere mu rwego rwo kwirinda gutakaza umwanya bajya gushaka ubafasha.

Ku rwego rw'igihugu Akarere ka Rulindo kaje ku mwanya wa 8 mu gutanga serivise z'irangamimerere mu gihe umurenge wa Cyinzuzi watangirijwemo iyi gahunda ku rwego rw'Akarere ariwo waje ku mwanya wa mbere mu karere mu gutanga serivise z'irangamimerere ukaba waranahawe icyemezo cy'ishimwe.

## URUBYIRUKO RWASUYE SITE YA RWILI –NTURO RUSOBANURIWE AMATEKA Y'INGOMA Y'INGABE KALINGA.



Tariki ya 13 Kanama 2025 urubyiruko rusaga 500 ruturutse mu mirenge yose igize Akarere ka Rulindo rwasuye site ya Rwili-Nturo iherutse kugirwa ahantu ndangamurage n'inteko y'umuco.Iyi site ibumbatiye amateka kuko ariho hahoze igiti cy'umwungo cyaramvuwemo ingoma y'ingabe Karinga yamaze imyaka 450 mu gihe cy'abami.

Impuguke mu mateka y'u Rwanda akaba n'umushakashatsi mu nteko y'umuco NTAGWABIRA Andre yasobanuriye urubyiruko amateka y'aha hantu ababwira ko ariho hari igiti cy'umwungo cyaramvuwemo ingoma y'ingabe Karinga yafatwaga nk'ikirango gikomeye cy'igihugu mu gihe cy'abami kuva mu mwaka 1510-1961 ku ngoma ya RUGANZU Ndoli.
Gusura site ya Rwili-Nturo byahuriranye no kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'urubyiruko ufite insanganyamatsiko igira iti:"kubaka ubushobozi bw'uruibyiruko hagamijwe iteramberer rirambye"

Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith akaba yashimiye urubyiruko rwitabiriye iyi gahunda yo gusura ahantu ndangamurage, abasaba gusigasira ibyagezweho no kurangwa n'indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda no gukunda Igihugu.

Umuyobozi w'Akarere kandi yagaragarije urubyiruko amahirwe igihugu cyabashyiriyeho aboneka mu karere no hirya no hino mu gihugu harimo gahunda ngaruka mwaka ya youth connekt award competition,abashyishikariza kuziyandikisha ubwo izaba yatangiye mu minsi yavuba.

Umukozi muri Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu NIZEYIMANA Innocent wari waje kwifatanya n'urubyiruko rw'Akarere ka Rulindo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'urubyiruko yarukanguriye gusura Ingoro ndangamurage avuga ko Intego y'ingoro ndangamurage ari ukwigisha atari umutako. NIZEYIMANA Innocent yanasabye urubyiruko gusigasira umuco n'ururimi rw'Ikinyarwanda kuko ari byo bizabafasha kubaka igihugu.

## RULINDO: UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE ABAYOBOZI MU NZEGO Z'IBANZE GUSHYIRA IMBARAGA MU IRONDO MU RWEGO RWO KURUSHAHO KUNOZA UMUTEKANO.



Ibi Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith yabigarutseho mu nama y'umutekano yateranye tariki ya 6 Kanama 2025 yahuje abagize komite y'umutekano itaguye y'Akarere abakora mu nzego z'umutekano bose,abayobozi b'imirenge n'abutugali ndetse n'abashinzwe kwita ku bafite uburwayi bwo mu mutwe mu bigo nderabuzima.

Muri iyi nama umuyobozi w'akarere yabanje kwibutsa abayitabiriye gahunda y'igihugu y'icyerekezo 2050 n'inshingano z'abayobozi mu kugera kuri iyi ntego.

Inama y'umutekano yakomeje yiga ku ngingo zitandukanye zirimo Kurebera hamwe uko umutekano wari wifashe mu mezi 3 ashize, aho hagaragajwe ibyaha byagaragaye muri ayo mezi.

Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith yasabye abayobozi gukomeza gushyira imbaraga mu mikorere y'amarondo n'ibigo bishinzwe gucunga umutekano kugirango umutekano urusheho gukomeza kuba mwiza.

Izindi ngingo zasuzumwe muri iyi nama harimo uko gahunda y'intore mu biruhuko yashyirwaga mu bikorwa ndetse n'ishyirwa mu bikorwa ry'igihano cya TIG.

Muri iyi nama hasuzumwe ingamba zo kurwanya inzoga z'inkorano, gukumira amakimbirane yo mu miryangono no kurwanya ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro butemewe.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo muri iyi nama hafashwe ingamba zitandukanye zigamije kurushaho kunoza umutekano,umuyobozi asaba abayitabiriye kujya mu nshingano bakazishyira mu bikorwa.